IMYANZURO YA KONGERE YA GATANU Y'ISHYAKA PSD YATERANYE KUVA KUWA 23 KUGERA KUWA 24 GICURASI 2015

Kuva ku itariki ya 23 Gicurasi kugera kuwa 24 Gicurasi 2015, mu kigo cya Croix Rouge ku Kacyiru, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, habereye Kongere ya gatanu y'igihugu y'Ishyaka PSD.

Iyi Kongere yahuje abayoboke ba PSD bahagarariye abandi kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Igihugu, yayobowe na Perezida w'Ishyaka PSD, Dr Vincent Biruta. Mu ijambo rifungura Kongere ku mugaragaro Perezida w'Ishyaka yashimiye abarwanashyaka ba PSD uruhare bagize mu gukorera ishyaka, bityo bituma rigera ku bikorwa byinshi muri manda y'imyaka itanu ishize. Yashimiye by'umwihariko abagize Komite Nyobozi icyuye igihe uburyo bayoboye Ishyaka mu myaka itanu ishize.

Kongere ya Gatanu y'Ishyaka PSD yaganiriye ku ngingo zikurikira :

1. Kwemeza amategeko y'ishyaka PSD
2. Raporo ya Komite Nyobozi 2010-2015
3. Amatora y'abagize Komite Nyobozi
4. Kungurana ibitekerezo kuri gahunda ya PSD ya 2015-2020
5. Kwemeza ibitekerezo by'Ishyaka ku ivugururwa ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu

Nyuma yo kuganira kuri izo ngingo, hafashwe imyanzuro ikurikira :

1. Kongere yemeje ibyo Bureau Politique yahinduye mu Itegeko Shingiro ndetse no mu mategeko ngengamikorere y'Ishyaka PSD

2. Kongere yemeje raporo y'ibikorwa byakozwe na raporo y'umutungo muri manda y'imyaka itanu ishize

3. Kongere y'Ishyaka PSD yatoye komite nyobozi nshya izayobora Ishyaka mu myaka itanu itaha, igizwe n'aba bakurikira :

- Perezida : Dr Vincent BIRUTA
- Vice Perezida wa mbere : Bwana Olivier NDUHUNGIREHE
- Vice Perezida wa Kabiri : Madamu NYIRAHIRWA Veneranda
- Umunyamabanga Mukuru : Dr NGABITSINZE Jean Chrisostome
- Umunyamabanga Mukuru Wungirije ushinzwe uburinganire n'Iterambere : Madamu GAHONGAYIRE Aurelie
- Umunyambanga Mukuru Wungirije ushinzwe Urubyiruko : Bwana Theodomir NIYONSENGA
- Umubitsi Mukuru w'Ishyaka : Madamu MUKABIKINO Jeanne Henriette

Bamaze gutorwa, abatowe barahiriye imbere y'abagize Kongere nk'uko biteganywa n'amategeko y'Ishyaka.

4. Kongete yemeje gahunda y'ibikorwa by'Ishyaka muri manda y'imyaka 5 mu rwego rwo kubaka Ishyaka P.S.D ndetse no mu rwego rwa politike, imibereho myiza n'iterambere rusange ry'Igihugu

5. Kongere yemeje ko Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryavugururwa, manda ya Perezida wa Repubulika yari ifunze igafungurwa, ikaba imyaka itanu ishobora kongerwa. Bemeje kandi ko iri vugururwa ritareba gusa ingingo ya 101, ko ryasuzuma n'izindi ngingo z'Itegeko Nshinga zitakijyanye n'imiterere y'imiyoborere y'igihugu. Basabye kandi ko habaho urubuga rwo kungurana ibitekerezo ku buryo busesuye kuri iryo vugururwa.

Bikorewe i Kigali, Kuwa 24 Gicurasi 2015